


Kurera muri COVID-19

Gukora bije y'umuryango mu gihe cy'ihungabana ry'ubukungu

Miliyoni z'abantu bahangayikishijwe n'amafaranga kubera COVID-19. Ishobora gutuma twumva turushye, turakaye cyangwa dutaye umutwe. Gusaba ibintu kw'abana cyangwa ingimbi bishobora kuzana intonganya. Byabafasha cyane igihe bagize uruhare mu ngengo y'imari y'umuryango.

Reka abana n'ingimbi bagire uruhare mu gukora bije y'umuryango



Bije ni ugufata icyemezo cy'uko tuzakoresha amafaranga nibyo tuzayatangaho yewe no mu gihe kigoye.

Gukorera bije hamwe bifasha abana kumva ko twese tuba dukeneye gufata ibyemezo bikomeye mu bihe bikomeye.

Bifasha kandi imiryango kurangiza ukwezi ifite ibihagije bityo bakaba baguza gake.



Hashobora kuba hari ubufasha wabona

Guverinoma yawe ishobora kuba iri gutanga amafaranga, cyangwa ibiryo ku miryango mu gihe cya COVID-19.

Baza niba aho utuye hari aho bari gutanga ubufasha

Ni ayahe mafaranga twakoreshe ubu?

- Fata urupapuro (ikinyamakuru cyangwa ikindi wa kwandikaho) n'ikaramu
- Andika ibyo kugirango ugire ishusho y'ibyo wowe n'umuryango wawe mutangaho amafaranga buri kwezi.
- Andika kuri buri kintu igiciro cya cyo
- Ongeraho umubare w'amafaranga mufite yo gukoresha buri kwezi

Muvuge ku bikenewe n'ibyifuzwa

- Ibikenewe: Ni ibihe bintu by'ingirakamaro cyangwa mukwiye kuba mufite kugirango umuryango ubeho? (urugero ibyokurya, isabune yo gukaraba intoki, ibikenewe n'umurwayi cyangwa ubana n'ubumuga mu bagize umuryango)
- Ibyifuzwa: Ni ibihe bintu byiza byo kugira ariko bitari ngombwa?
- Ganira n'abana bawe ibintu mushobora gutangaho amafaranga make nk'umuryango.

Ubaka bije yawe bwite

- Shaka umufuka urimo amabuye, cyangwa ikindi kirimo udukoresho twinshi. Ayo niyo mafaranga yawe y'ukwezi
- Nk'umuryango, mwemeza amafaranga muzakoresha nicyo muzayatangaho, ubundi mushyireho amabuye kuri icyo shusho ya bije mwubatswe.
- Niba mushobora kuzigama amafaranga make yo gukoresha mu bihe bizaza, cyangwa mu kindi gihe habaye gutungurwa- ni byiza.

Ukoze neza! Imiryango irenga za miliyoni isanga ibi bifasha.

Kumakuru menshi kanda kuri links ziri hasi:

[Tips za WHO](#)

[Tips za UNICEF](#)

[Izindi ndimi](#)

[EVIDENCE-BASE](#)

